



URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

**ICYEMEZO N° 00022/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 27 w'ukwezi kwa Nzeli;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Félicien**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwatanze ikirego muri uru rukiko kigahabwa n° **RP 00029/2021/TGI/RSZ**, burega uwitwa **MPORANYI François**, icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake no guhoza ku nkeke uwo bashyingiranywe, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 121 na 147 z'igitabo cy'amategako ahana.

Tumaze kubona ko uwitwa **MPORANYI François** mwene KABARORA na NYERAMUGABO, wavutse mu 1983, avukira mu mudugudu wa Ruhengeri akagali ka Bisumo, Umurenge wa Cyato, Akarere ka Nyamasheke, mu ntara y'iburengerazuba, akaba ariho yari atuye, yashakanye na UWIZEYIMANA Consolee, ubu akaba akurikiranywe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **MPORANYI François** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **18/01/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategako, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.


TWAGIRAMUNGU Félicien
UMUCAMANZA




NYIRAMBONIGABA M. Thérèse
UMWANDITSI